



Repubulika y'uRwanda  
Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco



## AMABWIRIZA AGENGA IMYIDAGADURO, IBIRORI, IMURIKAGURISHA N'IBITARAMO NDANGAMUCO MURI IKI GIHE CYO KWIRINDA COVID-19

---

Hashingiwe ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 27 Ugushyingo 2020, ku bijyanye no gusubukura imyidagaduro, ibirori, amamurikagurisha n'ibitaramo ndangamuco hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda COVID-19;

Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco (**MYCULTURE**) ifatanyije n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (**RDB**), bashyizeho amabwiriza akurikira:

### **Ibikorwa birebwa n'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza agenga ibikorwa bikurikira: Ibirori, imurikagurisha, iserukiramuco n'ibitaramo ndangamuco mu byiciro bya muzika, imbyino, ubugeni, ikinamico, urwenya, ubwiza n'imideli, sinema, ubuvanganzo (ubusizi n'ubwanditsi).

Ku bireba inama, hazakomeza kubahirizwa amabwiriza agenga itegurwa ry'inama yashyizweho n'Ikigo Gishinzwe Gutegura Inama mu Rwanda (*Rwanda Convention Bureau - RCB*) agaragara ku rubuga rwa RCB (<https://rcb.rw/-Covid-19-Guidelines-.html>)

### **Ibigomba kubahirizwa:**

1. Ibikorwa bivuzwe haruguru bibera ahari imbuga zabugenewe, ibyumba by'inama cyangwa ibyumba byabugenewe bisanzwe biberamo ibirori, imurikagurisha, ibitaramo n'imyidagaduro;
2. Ahakirirwa abitabiriye ibikorwa byavuzwe hagomba kuba hari aho gukarabira intoki hisanzuye cyangwa imiti yo gukaraba intoki yabugenewe;
3. Gupima umuriro abaje mu bikorwa byavuzwe haruguru, bagakaraba intoki bakambara neza agapfukamunwa kandi bakubahiriza guhana intera;
4. Gutera umuti no gusukura ahabera ibikorwa (*dis-infection of premises*);

5. Kumanika amatangazo yerekana amabwiriza yubahirizwa mu rwego rwo kwirinda kwandura no gukumira ubwandu bwa COVID-19 ku bagana ahabera ibikorwa;
6. Guteganya aho abaje kwitabira ibikorwa binjirira hatandukanye n'aho basohokera;
7. Gutandukanya abari ku murongo wo kwinjira hakoreshejwe metero imwe (1m) hagati ya buri muntu kandi hagashyirwaho ibimenyetso bigaragaza aho buri muntu agomba guhagarara;
8. Kwakira abantu batarenze 50% by'umubare w'abantu basanzwe bakirirwa aho ibi bikorwa bibera mu bihe bisanzwe;
9. Gushyira hagati y'intebe n'indi intera ya metero imwe n'igice (1.5 m) naho hagati y'ameza n'andi hakaba metero ebyiri (2m);
10. Abaririmba n'ababyina batambaye agapfukamunwa bahana intera ya metero ebyiri (2m) hagati yabo igihe bari ku rubyiniro (stage) n'intera ya metero eshatu (3m) hagati yabo n'abitabiriye igitaramo n'abafata amashusho;
11. Abakoresha indangururamajwi cyangwa ibindi bikoresho by'amashusho n'amajwi bagomba gusukura intoki hakoreshejwe amazi n'isabune cyangwa umuti wemewe (*desinfectant*) mbere y'uko hagira abandi babikoresha;
12. Abategura imurikagurisha na ba nyiri ahakorerwa imurikagurisha bagomba gukora ku buryo aho ribera hatajya munsu y'ubuso bungana na 2m x 2m (metero kare enye) kandi hakajyamo abantu babiri gusa bashobora kwicara bamurika kandi batandukanyijwe na metero imwe (1m). Mu gihe ahakorerwa igikorwa cyo kumurika harengeje ingero zavuzwe, hagomba gukurikizwa amabwiriza agenga ihana ry'intera hagati y'abakora imurikagurisha;
13. Abitabiriye imurikagurisha ntibemerewe gukora ku bintu bimurikwa;
14. Ibitaramo ndangamuco bigomba kuba mu gihe kitarenze amasaha atatu;
15. Kugurisha amatike hifashishijwe ikoranabuhanga (e-ticketing);
16. Ugura itike yo kwinjira **mu bitaramo** ndangamuco byavuzwe haruguru ni uwipimishije COVID-19 agahabwa icyemezo cy'uko atanduye;

17. Mu gihe abateguye ibikorwa byavuzwe haruguru babisabye ndetse bakagaragaza neza uko bizakorwa hubahirijwe amabwiriza yo kwirinda COVID-19, serivisi za resitora ziremewe;
18. Kugira ibikoresho byihariye byagenewe kujugunywamo imyanda ijyanye n'ibikoresho byo kwirinda COVID19;
19. Kugira abashinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza yo kwirinda COVID-19;

### **Gusaba uruhushya n'ikurikiranwa ry'aya mabwiriza**

20. Gusaba uruhushya rwo gutegura ibitamo ndangamuco bikorwa nibura iminsi cumi (10) mbere y'uko igitaramo kiba, hagatangwa amakuru ku mitegurire: aho kizabera, abazagikora n'uburyo buzakoreshwa mu kubahiriza ingamba zo kwirinda COVID-19 cyangwa andi makuru yakenerwa n'inzego zibishinzwe;
21. Usaba uruhushya yandikira Ubuyobozi bw'Akarere igikorwa kizabera mu cyangwa ubw'Umujyi wa Kigali, akamenyesha MYCULTURE na RDB kuri: [events@myculture.gov.rw](mailto:events@myculture.gov.rw);
22. Ubuyobozi bw'ahabera ibikorwa byavuzwe haruguru basabwa kandi bafite inshingano yo gukurikirana iyubahirizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;
23. MYCULTURE, RDB, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere ndetse n'izindi nzego bireba bazagenzura iyubahirizwa ry'aya mabwiriza;
24. Mu gihe ibikubikiye muri aya mabwiriza bitubahirijwe ibikorwa bizajya bihagarikwa.

**Bikorewe i Kigali ku wa 10/12/ 2020**

  
**MBABAZI Rosemary**  
Minisitiri w'Urubyiruko n'Umūco



  
**Clare Akamanzi**  
Umuyobozi Mukuru wa RDB

